

# Guhingira ni kuhirira mu muji

Iyi *Gahunda igenewe abayobozi b'abahinzi bo mu muji mu ntara ya Providence*, yateguwe binyuze mu Kigo kigamije kubungabunga ibidukikije cya Northern Rhode Island Conservation District ku bufatanye n'Ikigo gishinzwe iby'ubutaka cya Southside Community Land Trust.



## Ishakiro:

Ubutaka n'amazi	3
Gufata neza amazi	4
Igihe gikwiye cyo kuhira	6
Uburyo bwo kuhira hakoreshejwe umupira	8
Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga	10
Gutegura kuhira hakoreshejwe ibitonganya mu murima wawe	12
Amazi y'imvura	14
Kuhira mu Rugaryi	15
Ikinyabutabire cya plomb mu mazi	17

Iyi *Gahunda igenewe abayobozi b'abahinzi bo mu mujyi mu ntara ya Providence*, yateguwe binyuze mu Kigo kigamije kubungabunga ibidukikije cya Northern Rhode Island Conservation District ku bufatanye n'Ikigo gishinzwe iby'ubutaka cya Southside Community Land Trust.



## **Ubutaka n'amazi:**

Uburyo bwiza bwo gucunga amazi ibihingwa binywa bifata no gufata neza amazi ni ukumenya ubutaka bwawe. Ireme ry'ubutaka rigena amazi ubutaka bushobora kubika.

- Ubutaka bufite ireme rinini ry'intungabuzima (amababi, ibyatsi, ifumbire y'imborera, ibihingwa n'ibindi) bifasha ubutaka kubika amazi menshi.
- Iyo ubutaka bubasha kubika amazi menshi, ntugomba gukoresha amazi menshi cyangwa wite cyane ku bijyanye no kuhira.

**Ubutaka bwiza buba burimo intungabutaka  
nyinshi, bufata amazi menshi**



## Gufata neza amazi:

**Igikorwa cyo gukoresha amazi neza ni ukugabanya gukoresha amazi bitari ngombwa.**

Umuriro:

- Amazi afasha ibihingwa bikonja
- NTUKUHIRE ukoresheje amazi ashyushye

Gusasa isaso:

Ikintu cya mbere wakora kugira ngo ufate neza amazi mu murima wawe cyangwa ubusitani bwawe ni ugutwikiriza ubutaka isaso.

- Isaso ifasha kubika ubuhehere, gutuma ibihingwa bikonja, bifasha gutuma imizi ikura, bikagabanya **isuri y'ubutaka (kwangirika k'ubutaka bwo hejuru bitewe n'umuyaga n'amazi)**, no kugabanya ibyatsi bibi.
- Niba udafite isaso, ushobora gukoresha ibikarito, amabuye, uduce tw'uduti cyangwa isaso ikoze muri purasitike.
- Isaso ikoze muri purasitike ishobora kuza ari ikizingo mu bubiko bwo mu rugo, mu bice, aho binariza imbuto, mu bigo bikora iby'ubusitani n'ibindi.


**Kurinda ubutaka bwo hejuru utwikira  
ubutaka bwasanziye ukoresheje:**



Isaso



Ibikarito




Amabuyo/Garaviye



Isaso ya  
purasitike  
y'umukara

## Igihe gikwiye cyo kuhira?

- Mu gitondo
- Iyo ubutaka bwo hejuru bwa inshi 2 (cm 5) bwumye
- Igihe cyo kuhira (Nyakanga, Kanama, Nzeli)
- Amazi ashingiyeye ku bwoko bw'ibihingwa uri gutera, bimwe muri byo bishobora gukenera amazi menshi cyangwa make



## Irinde kuhira nijoro



## Igihe gikwiye cyo kuhira:

- Kuhira mu masaha ya kare ya mugitondo ni byo byiza; bigatuma ibihingwa binywa amazi menshi.
- Bitewe ni uburyo wuhiramo n'amazi ibihingwa bikeneye, ugomba kuhira hafi isaha 1 itarenga mu gihe cy'iminsi ishyushye/yumye kugira ngo bifashe ibihingwa kumera no kubyara.
- NTUKUHIRE iyo ibihingwa byawe bidakeneye amazi.
  - Iyo ubutaka butose neza muri inshi 2 (cm 5) mu bujyakuzimu, ibihingwa ntabwo bikenewe kuhirwa.
  - Iyo ubutaka bwumye neza muri inshi 2 (cm 5) mu bujyakuzimu, ubwo ibihingwa bikeneye kuhirwa.
- Igihe cyo kuhira (Nyakanga, Kanama, Nzeli) ni cyo gihe uba ukeneye amazi hafi buri kwezi, mu gihe ikindi gihe cyose cy'umwana kigendera ku miterere y'ikirere.
- Bitewe n'ubwoko bw'ibihingwa uri gutera, ni amazi angana iki ibihingwa bikenewe ndetse n'uko ukeneye kubyuhira bigenda bihinduka.
  - Urugero: Inyanya n'ibihingwa by'imbutu bikenera amazi menshi, mu gihe ibihingwa bimwe na bimwe bigira imizi miremire kandi bigakenera amazi make (ibihingwa byihanganira ubutayu).
- Kuhira mu ijoro bishobora gutuma haza urubobi, ibihumyo byangiza, indwara z'ibihingwa, udusimba twangiza ibihingwa, ikinyamujonjorerwa, imbeba n'izindi ndwara n'udusimba twibasira ibihingwa.
  - Kuhira gusa nijoro buri gihe mu minsi ishyushye iyo ibihingwa bikenera amazi.



## **Uburyo bwo kuhira hakoreshejwe umupira:**

Kuminjira:

- Kuminjira bishobora kuba ingirakamaro ku busitani buto, ariko bishobora kugorana ku busitani bunini kubera ko uba ukeneye umuvuduko w'amazi menshi.
- Imbara z'igikoresho kiminjira amazi biterwa n'ingano y'umuvuduko w'amazi. Umuvuduko w'amazi make bisobanura ko igikoresho kiminjira amazi ntibishobora kugera ku busitani bwose cyangwa kuduha amazi ahagije ku bihingwa byose.

Ingengabihe:

- Ingengabihe ihuzwa ku mugozi wawe cyangwa igikoresho kiminjira kugira ngo ugene igihe n'uburebure icyo gikoresho cyuhira ibihingwa byawe.
- Ingengabihe ikuzigamira igihe umara wuhira.





## Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga:

**Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga:** ni uburyo bwo gukoresha amazi make ahantu runaka. Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga ukoresha utwobo tunyuramo amazi dushyirwa mu muguzi tuba dukoresheje n'imashini kugira ngo ukoresheje igaro 1/2 (litiro zigera kuri 2) n'igaro 4 (litiro 15) y'amazi ku isaha. **Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga:** ni byiza ku butaka buri hejuru.


Ibyiza. Byo kuhira hakoreshejwe ibitonyanga:	Ibibi. Byo kuhira hakoreshejwe ibitonyanga:
<ul style="list-style-type: none"> <li>• Amazi agezwa ku buryo bungana ku bihingwa</li> <li>• Kugeza amazi ako kanya ku bihingwa/ubutaka no kubika amazi kuba yarengera ubutaka bwo hejuru no kuba yahinduka umwuka</li> <li>• Ongera ku rugero rwo hejuru rw'uko ukoresha amazi</li> <li>• Bituma uzigama igihe, imbaraga n'amafaranga</li> <li>• Uburyo bukoreshwa ni bwiza kugeza kuri are 2 z'umurima</li> <li>• Reka kuminjira amazi ku bihingwa byose no kugabanya ukwiyongera kw'ibihumyo byangiza, indwara n'udusimba</li> <li>• Ntabwo bisaba umuvuduko mwinshi w'amazi</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Ku murima munini, kuhira hakoreshejwe ibitonyanga bishobora guhindu cyane kandi bikaba bigoye gukoresha ukoresheje imashini zihinga kubera ko bishobora kubangama</li> <li>• Bishobora kugorana gutegura ariko bimara igihe kirekire iyo bimaze gutegurwa</li> </ul>

## Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga:



- Amazi agezwa ku buryo bungana ku bihingwa aho imizi y'ibihingwa itereye
- Gake gake rekura amazi ku mugozi, ongera ku rugero rwo hejuru rw'uko ukoresha amazi unagabanye amazi atemba n'amazi ahinduka umwuka

- Gutosa umugozi bikenewe gusa ku mazi afite umuvuduko muke kugira ngo agende neza



**Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga ni uburyo bwo gukoresha amazi make ahantu runaka.** Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga ukoresha utwobo tunyuramo amazi dushyirwa mu mugozi tuba dukoreshwa n'imashini kugira ngo ukoresheje igaro 1/2 (litiro zigera kuri 2) n'igaro 4 (litiro 15) y'amazi ku isaha. Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga: ni byiza ku butaka buri hejuru cyangwa ku butaka butageze kuri are 2.



# **Gutegura kuhira hakoreshejwe ibitonganya mu murima wawe:**

## 1. Ingegabihe

- Ingegabihe ishobora gutuma uzigama igihe kirekire ugena igihe ni uko wifuza ko wuhira ibihingwa byawe.

## 2. Gutuma amazi utifuza agana mu kindi cyerekezo

- Bibuza amazi gutemba asubira mu matiyo no gutuma ibyanduye byangiza iyuhirwa ry'amazi.

## 3. Akamashini kagenzura umuvuduko

- Bifasha kugenzura umuvuduko w'amazi asohoka mu munwa w'umupira usohora amazi. Birafasha iyo ufite umuvuduko w'amazi mwinshi cyangwa uringaniye. Iyo ufite umuvuduko muke w'amazi, akamashini kagabanya gusa umuvuduko w'amazi, NTABWO kawongera.

## 4. Akayunguruzo ka purasitike

- Akayunguruzo ka purasitike gafasha kongera ubuzima bw'uburyo ukoresha gahagarika ibyireka muni y'amazi ntibikurure amazi cyangwa ngo bizibye uburyo bwo kuhira
- Mu muji, kuyungurura ku buryo ukoresha mu kuhira hakoreshejwe ibitonyanga: si itegeko, ariko ubigirwaho inama yo kubikora. Ni ngombwa iyo uri gukura amazi mu isoko cyangwa ikidendezi.


## 5. Adabutateri y'agahombo

- Ituma uhuza uburyo bwo kuhira ukoresheje umugozi wuhira hakoreshejwe ibitonyanga:

## Gutegura kuhira hakoreshejwe ibitonganya mu murima wawe:

### 6. Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga (Umugozi utonyanga)

- Ibiguzi by'avansi bishobora guhenda kubera ko bishobora kuzigama igihe cyawe n'amafaranga mu gihe kirekire.
- Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga bisobanuye ko bisimbuzwa buri mwaka ariko ushobora kongera kubikoresha. Ushobora kubireka mu Rugaryi, ariko bishobora gukusanywa buri sizeni kugira ngo bihagarike kuba byakonja, byameneka no kuba byakangizwa n'ingugunnyi.



## Amazi y'imvura

Koresha amazi y'imvura mu murima wawe cyangwa mu busitani bwawe bishobora gufasha kubika neza amazi no kugira uburyo bw'ingoboka bwo kubika amazi y'ingoboka mu murima wawe cyangwa mu busitani bwawe.

### Imbogamizi:

- Niba uri gukoresha ingunguru zifata amazi y'imvura ah'ibanze haturuka amazi ukeneye kugira ngo ugira ahandi haturuka amazi hanini bitewe n'amazi ukeneye. By'umwihariko, biragoranye ku guhinga ku butaka bunini. Aho gufatira amazi hashobora kuba hirimo ibisenge n'imigende bihindura imitembere y'amazi ikayishyira mu ngunguru.

### Ingungura z'imvura


- Iyo uri gukoresha uburyo bwo gufata amazi y'imvura, ni ngombwa ko ukoresha ikijyamo amazi y'imvura cyoroshye kugira ngo wirinde ko icyo kijyamo amazi gikonja. Ushobora gukoresha akamashini gakoreshwa mu gushyushya amazi mu mvura kugira ngo bigabanye gukonja.
- Iyo ikigega kijyamo amazi kidatwikiriye, ugomba gufata neza amazi kugira ngo atazana uruhumbu cyangwa atameramo ibyatsi kugira ngo hazemo udukuko.
- Gukoresha imbaraga zituma umwuka uguma ku butaka cyangwa ipompo irekura amazi avuye mu itanka (ushobora gukoresha ipompo yo mu ikambi).

### Ushobora kubika amazi mu gihe kingana iki?


- Igihe cyose, uba ukeneye siterine ifata amazi.

## Kuhira mu Rugaryi:

- Gukiza ibihingwa ubukonje bwinshi:
  - Uhira ubusitani ku musozo w'umunsi iyo hari ubukonje bwinshi. Amazi afata ubukonje maze agakonje mbere y'uko ibihingwa bikonja
  - Ubu buryo ntabwo bukora ku bihingwa byose, ariko bukora neza ku rusenda.
- Udutambaro turinda ubukonje dushobora gufasha amatiyo ntakonje.
- Siterine ifata amazi, amazi y'imvura, imodoka ifite kabine na siterine y'amazi y'igaro 50 (litiro 190) n'ibindi.
  - Ntabwo ukeneye amazi menshi mu rugaryi. Mu Rugaryi, ibihingwa bikura bikenera amazi make kubera ko haba hari ubuhehere buhagije mu kirere.
  - Ushobora gukoresha akamashini gashyushya siterine cyangwa umupira w'amazi ushyushya muri siterine ibika amazi kugira ngo wirinde ko akonja.



## Kuhira mu Rugaryi





## **Ikinyabutabire cya plomb mu mazi:**

- Ibihingwa bishobora gukomeza gukura nubwo haba hari ikinyabutabire cya plomb u mazi.
- Ku bihingwa bimwe na bimwe, ikinyabutabire cya plomb gishobora gukurira mu bibabi by'ibihingwa kandi ntabwo kigera ku mbuto
- Ushobora gushyiraho akayunguruzo ahaturuka amazi niba ubishaka
- BURI GIHE ni ngombwa ko usoma amakuru ukanakora ubushakashatsi ku mazi y'aho uherereye n'ibihingwa uri kuhira no gukurikiza inama z'umutekano zashyizweho na leta



Iyi *Gahunda igenewe abayobozi b'abahinzi bo mu mujyi mu ntara ya Providence*, yateguwe binyuze mu Kigo kigamije kubungabunga ibidukikije cya Northern Rhode Island Conservation District ku bufatanye n'Ikigo gishinzwe iby'ubutaka cya Southside Community Land Trust.

